**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUZIMA**

---

# ITANGAZO

**Minisiteri y'Ubuzima irasaba Abaturarwanda gukomeza gukaza ingamba zo kwirinda ko Ebola yagera mu Rwanda**

Minisiteri y'Ubuzima irahumuriza abaturarwanda bose ko nta Ebola iragaragara mu gihugu cyacu kugeza ubu, ariko, igasaba buri muturarwanda wese kutirara no gukomeza gukaza ingamba zo kwirinda ko Ebola yagera mu Rwanda. Minisiteri y'Ubuzima ifatanije n'izindi nzego irakurikiranira hafi iki cyorezo mu bihugu by'abaturanyi , ku bufatanye na Ministeri z'Ubuzima zaho, ikomeje gukaza ingamba zo gukumira ku mipaka yose y'igihugu, no mu midugudu.

Nk'uko byatangajwe na Minisiteri y'Ubuzima, muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), kuri uyu wa 14 Nyakanga 2019, mu mugi wa Goma uherereye mu Ntara ya Kivu y'Amajyaruguru hagaragaye umuntu wanduye indwara ya Ebola. Iki cyorezo kigeze muri uwo mugi nyuma y'amezi 10 kimaze muri Ituri muri icyo gihugu.

Minisiteri y'Ubuzima irasaba buri muntu wese kwitwararika no kutirara, agashyira mu bikorwa ingamba zo kwirinda Ebola kuko byoroshye cyane kuyikumira iyo twitaye ku isuku tukanirinda gusura cyangwa gusurwa mu ngo zacu no mu materaniro n'abaturuka ahavuzwe icyo icyorezo. Tuboneyeho gusaba ibi bikurikira:

- Kwirinda gukora ingendo zitari ngombwa ahagaragaye Ebola;
- Kwirinda kwakira abaturutse ahavuzwe icyorezo no gutanga amakuru mu gihe tumenye aho bari mu gihugu.
- Kwihutira kwisuzumisha umuriro ku muntu wese uturutse mu gace kagaragayemo Ebola;
- Kwihutira kumenyesha Police kuri numero itishyurwa 112 cyangwa iya Minisiteri y'Ubuzima 114, Ubuyobozi bukwegereye, umujyanama w'ubuzima iyo ubonye umuntu uturutse mu gace kagaragayemo Ebola ;
- Kwihutira kujya ku ivuriro rikwegereye igihe cyose ufite ibimenyetso bya Ebola;
- Kwirinda gukora ku maraso no ku matembabuzi cyangwa ibikoresho byakoreshejwe n'umuntu wanduye cyangwa wishwe na Ebola;
- Kwirinda gukora ku muntu wishwe na Ebola cyangwa inyamaswa zo mu ishyamba zipfishije no kurya inyama zazo;
- Kugira umuco wo gukaraba intoki dukoresheje amazi meza n'isabune;
- Gukomeza umuco mwiza wo kwivuza hakiri kare igihe cyose wumva urwaye;

Ibimenyetso by'iyo ndwara ni ukugira umuriro, kurwara umutwe, kuribwa mu ngingo, kubabara mu muhogo, gucika intege, guhitwa, kuruka cyane kandi kenshi, kuribwa mu nda no

kuva amaraso ahantu hose hari umwenge ku mubiri w'umuntu. Ebola ntiyandurira mu mwuka.

Minisiteri y'Ubuzima ifatanije n'Ishami ry'Umurwango w'Abibumbye ryita ku Buzima OMS n'abandi bafatanyabikorwa batandukanye, yakoze byinshi mu rwego rwo gukumira icyorezo cya Ebola no kugira ubushobozi bwo guhangana nayo iramutse ibonetse mu gihugu. Hubatswe ikigo cyihariye mu kuvura Ebola ( Rugerero mu Karere ka Rubavu) kandi haguzwe ibikoresho n'imiti byakwifashishwa iki cyorezo kiramutse kigaragaye mu Rwanda.

Hakozwe imyitozo itandukanye yo gusuzuma uko u Rwanda rwiteguye kuba rwahangana na Ebola iramutse igaragaye mu Rwanda. Gusuzuma ibimenyetso bya Ebola birakorwa ku mipaka .

U Rwanda kandi rwahuguye abantu 23,657 barimo abaganga, abaforomo, abakozi bo mu mavuriro, Police abakorera bushake ba Croix Rouge n'abajyanama b'ubuzima.

Ubukangurambaga bugamije gukumira Ebola burakomeje, harimo gusobanura ibimenyetso byayo, kuyirinda n'ibigomba gukorwa igihe hari umuntu uketsweho Ebola. Ibyo binyuzwa mu nama zo mu midugudu, mu bukangurambaga bukorerwa ahantu hateranira abantu benshi no mu bitangazamakuru. Ibyapa biriho amakuru yo kwirinda Ebola byashyizwe ku mupaka, mu mahoteri, mu mashuri, no mu bigo nderabuzima n'ahandi hose hateranira abantu benshi.

Minisiteri y'ubuzima irasaba abafatanyabikorwa bose, abaturage, abanyamakuru, sosiyete sivile, abikorera ku giti cyabo, ibigo bikora umurimo w'ubwikorezi byaba iby'imbere mu gihugu no mu karere, amahoteli, abayobozi b'inzego z'ibanze, abajyanama b'Ubuzima, abakora umwuga wo kuvura gukomeza ubukangurambaga aho bakorera, gukomeza kuba maso no gukurikiza amabwiriza bahawe mu mahugurwa yo gukumira Ebola.

Bikorewe i Kigali ku wa 15 JUIL 2019

**Dr. Diane GASHUMBA**
**Minisitiri w'Ubuzima**

MINISTERE DE LA SANTE